

0304.

K0138997

Identification : RTL/60- 0304 du 27/06/94

Durée : 60mn

Qualité : Bonne

Transmission : Radio RTL

Nom du transcripteur : Uwamahoro M.Vianney

Date de la transmission : Le 08/09/99

Nom du fichier : sept60.wpd

Dictaphone : ExpressWriter

Série 2750

Modèle 667436

Face A**Orateur : Kantano**

Bigizwe inyamaswa bakaduteraho ibintu byose, bakatumerera nabi ngobashaka kudutegeka ku ngufu, ariko ubundi turasa, umuntu rero musa muvuga kimwe, Abafaransa ntibamenya uko bimeze, banamubonye bagira ngo, ahubwo bashobora no kuvuga ngo ngiyi Interahamwe, ngo ngiye Milice, naho ubwo ni runyenzi. Runyenzi rero tugomba kumuhiga uko byagenda kose, tukamuhiga kuri za barrières, tukamushakashaka mpaka, naho Abazungu ntibakaturangaze, Abazungu burya ntiwabamenya, nta n'ubwo baba banakurikirana bariya bazungu b'abasirikare, hi, abenshi baba bamwe ntibazi gusoma, abandi nta mashuri bagezemo, nta nubwo uretse kubona u Rwanda gusa n'Abanyarwanda ntibazi amateka, y'amoko yo mu Rwanda ukuntu Abahutu n'Abatutsi bakomeje barwanira ubutegetsi kugeza n'ubu, ntabwo bazi iki, abo rero bagomba kwitonda kubera ko badushyira mu kaga gakomeye baje batyo. Nibite ku bikorwa, byo gutabara, batabare Abahutu Abatutsi Abatwa, he, ariko bareke ibyo kuvuga ngo barrière ziveho, ibyo waba ari umutego w'umwanzi; kandi wabona Inkotanyi, zibegereye koko zikagenda zibarya urwara, ziti nyamuneka, nimubabwire koko barrière ziveho, ugasanga koko Inkotanyi zirimo zirajagata mu gihugu cyose, ibyo rero ni ukubi, ni ukubireba neza, Abafaransa babyanga, bakomeje kudukuriraho barrière, birumvikana twashyamirana kabisa, kandi birumvikana ko intambara noneho yafata indi sura.

Ntayo dushaka iyo ntambara, ariko Abafaransa nibaturekere ibiti ku mihanda tuzi akamaro kabyo, tuzi icyo byatumariye nibatureke nibatureke bakore icyabazanye, cyo gutabara imbabare hanyuma, Tuzirasanaho, Tuzirasanho ni umwana w'Umunyarwanda. Tuzirwanira, tuzirwariza, turi Abanyarwanda tuzi amayeri n'amayeri yacu, Abafaransa rero ntibabyivangamo ngo babivemo.

Aho mutwumvira hose, kuramba ni ukuramuka, bavandimwe mwese ndabasuhuje, abaramutse mwese kandi ni benshi, ndabasuhuje mwese, mukomere cyane, ubu turi ku .ku wa mbere, tariki makumyabiri na zirindwi z'ukwezi kwa gatandatu mirongo cyenda na kane, iminsi ntawayibara turwana n'Inyenzi Inkotanyi, ariko rero mu by'ukuri urebye, akazo kashobotse, ni yo mpamvu mbabwira nti dutangize ka karirimbo muzi na mwe, mumaze kumenyera, (araririmbye)

“Muze twishime nshuti, dore Inyenzi zashize, muze twishime nshuti, ayi we ha. Imana ntirenganya..”

Imana ntirenganya koko, ikihebe Museveni n'ibyibebye by'Inyenzi Inkotanyi bari bazi yuko baje kudasubiza k'ubuja, ariko ntibakamenye ko Imana y'i Rwanda iba iri hafi, ingabo z'u Rwanda ziba ziri maso, n'abaturage ubwacu tuba dukanuye turwana ku gihugu cyacu, turwana ku murwa w'igihugu cyacu Kigali, hanyuma noneho Inyenzi, isunukije umutwe tukayi. tukayimena izuru, ng'uko rero uko bimeze, ubu ngubu duhagaze bwuma, muri uyu mugu wacu wa Kigali, mu Rwanda kandi naho aho Inyenzi zirimo zirukanka, zigenda zisabaguza, zi. zibeshyabeshya, zijagata mu gihugu naho zirimo zirareba yuko ziruhira nyani, zirimo ziraruhira ubusa, mu by'ukuri kuko tumaze imyaka ine yose turwana n'Inyenzi Inkotanyi ngo zushaka kugarura ubutegetsu, bwa. bwanzwe n'abaturage benshi muri mirongo itanu n'icyenda, bati muri mirongo cyenda na kane, hinga tubugarure, ariko nako muri mirongo cyenda muri mirongo cyenda na rimwe, icyenda na kabiri, icyenda na gatatu, bati tugarure ubwo butegetsu, iyo ngoma yaciwe, yanzwe na rubanda ariko rero birumvikana yuko Inyenzi zagiye zihashirira, Inyenzi zagiye zihashirira kugeza n'ubu, ku buryo rero mu by'ukuri, aho gukomeza kurwanira ubusa, zishatse, za. za. rambika intwari hasi, ubundi zikaza tukaziha ibihano bikwiriyeye kuko zakoze amarorerwa atagira ingano.

Abumva Radio yigenga RTLM (inaudible) ..na zirindwi z'ukwezi kwa kane, kugeza saa sita muri kumwe na Habimana Kantano, ariko rero nanone muraza kumva, n'amajwi y'abatabazi nka Gahigi Gaspard, na mugenzi wa wanjye Ananiya, na George Ruggio, e. mu. kugeza saa sita, ubwo rero nyuma ya saa sita nabwo muraza kumva mugenzi wanjye mugenzi wanjye na we Valeriya, uza kubagezaho amakuru yo hirya no hino, ayiriwe mu gihugu n'ayiriwe hanze, ariko muri aka kanya nagira ngo, mwumve, nagira ngo mwumve mbere y'uko nkomeza ibiganiro, mbere y'uko nkomeza ibiganiro nagira ngo mwumve, mugenzi wanjye Gahigi Gaspard, Rédacteur en chef, hanyuma, naniya. na Ananiya na we yahageze, hanyuma mwumve amakuru yaramutse, uko ibintu bimeze, kugira ngo mutangire uyu munsi mufite icyo mutangiranye, kuko umunsi ugera aha ngaha abantu batangira kwibaza bati ariko bite bite bite bite ariko iyo umuntu agize igitekerezo gihamye, cya kigabo atangirana, gituma arangiza umunsi koko, azi uko ibintu bimera.

Mwaramutse Gahi !

Orateur : Gahigi Gaspard

Mwaramutse, nshuti mutwumva,(arakoroye) agakuru nagira ngo mbagezeho tugitangira, agakuru gakomeye, ni uko twamaze kumenya ku buryo bwo gucengera, ko ba Bagande barwanira Inyenzi Inkotanyi batangiye kwisubirira iwabo mu Bugande. Ubwo rero uko byagenze, ni uko Abagande bageze za Byumba za Kibungo, bakabona ubukire bwari buhari mu mangazine, bagasahura, amamodoka, bagasahura ibintu, bakisubirira iwabo. Ndetse kubera ko bari bababwiye ko intambara izamara iminsi mike, n'abakiri ku rugamba baravuga bati, twebwe twaje, mutubwira ko tuzarwana iminsi mike, none amezi abaye amezi, bati rero Museveni, yatwohereje inaha agira ngo Abanyarwanda batumarire ku icumu ? Bati ahubwo ntabwo dukwiye kurwana inaha, dukwiye gusubira mu Bugande, tukarwana na Museveni. Ngaka agakuru nagira ngo mbagezeho, tugitangira, ubwo rero ndagira ngo mpe ijambo Ananiya, noneho abagezeho, uko byifashe mu gihugu.

Orateur : Ananiya

Murakoze Gahigi, na we Kantano ufite antenne y'uyu muni, kuba mumpaye ijambo, koko rero Gahigi ababwiye yuko, abepfo iyo ngiye i Bugande iyo bamaze gusahura bigendera, birumvikana, iwabo ibyo twita pillage cyangwa gusahura babyita ru rutingi, rutingi rero barazimenyereye, n'igihe bamwe muri bo bari barahungiyeye muri Kenya, igihe habaga akantu k'akayaga ka coup d'Etat muri mirongo inani n'icyenda ashaka gukuraho Arapu Moyi, mu bafashwe mu bikorwa by'ubusahuzi mu mugwi wa Nairobi, abenshi bari abangabo. Ubwo basahuye rero bagatwara imodoka hariya muri La Rwandaise ku Karuruma, ntimuzongere kubake inaha ubwo barahamaze hari agatekerezo k'umuntu, witwa Kayumba Jean de Dieu, hano muri Radio yacu Radio yanyu, ikitwa igitekerezo kizima cyose, turagishyigikira. Aragira ati "ikinteye kubandikira, nagiraga ngo mungereze iki gitekerezo ku musirikare, cyangwa umusivire dufatanyije urugamba, ko dukwiye kwataka(attaquer), yavuze kwataka, Inyenzi aho zibwira ko zafashe kabone niyo twazikura ku musozi zikajya ku wundi, twawuzikuraho zikimukira ku wundi, kugeza ubwo zisubiye iwabo, i Bugande". Ngira ngo ibyo ni byo byatangiye. Aha. Kayumba Jean de Dieu akagira ati, "ikintangaza no ukumva nk'umuntu, aboherereza ubutumwa kuri Radio RTLM, akarangiza avuga" ati" ntegereje umwanzi tugahangana.

Akagira ati “ese wategereza umwanzi, kandi umwanzi yaraje”, ahubwo igitekerezo cye rero ni icyo kwataka (attaquer) icyo twamubwira ni uko ingabo z’igihugu zibirimo, aho ziza..ducira amarenga hose tuzahaguruka tukataka.

Muri benshi rero mwahise mo kwiyumvira Radio RTL, Radio ibagezaho ukuri nyako, Radio ireba kure, maze ikababurira, Radio ubu irwana aha batatu, Radio Inyenzi n’Ababiligi batinya byo gupfa. Ndasuhuza rero turasuhuza na bagenzi banjye na Radio izo ntware zose z’abarwanashyaka ba République bagoswe n’Inkotanyi mu Makomine ya Butaro, mu Makomine ya Kivuye mu Makomine ya Muvumba ya Murambi, ya Rukara ya Kayonza Kabarondo n’ahandi. Abo bese rero twamenye ko barimo bakora ibikorwa byo..kujubya Inyenzi, kugira ngo..na zo, bazibuze amahwemo, abo rero icyo twababwira niba bajya barahunganye akaradio kabo bakaba batwumva, ni uko bakomera, ni uko bakomera kuko turi hafi, turi hafi yo kubabohoza, ni uko na cyane cyane abegamiye inkiko abegamiye ishyamba ry’Akagera, bakwibuka ko iryo shyamba, ririmo ubuhungiro, bakibuka ko ririmo ibiryo, ahari aho ryazabafasha kugeza igihe tuzabagereraho.

Mu ijwi rya Rédacteur en chef wa Radio RTL Bwana Gahigi turi kumwe ubu ngubu, Radio yanyu yongeye kwemeza ko ishyigikiye igikorwa cy’ubutabazi ingabo z’Abafaransa ndetse n’ingabo z’Abanyafurika zi..rikumwe na zo zatangiye mu gihugu cyacu kuva ku wa kane w’icyumweru gishize. Gusa mu gushishoza kwa Radio yanyu, Radio RTL, rédacteur en chef wayo Gahigi Gaspard yasabye Gouvernement y’u Rwanda ko yasobanura neza imibanire y’abasiviri bambariye kurengera igihugu, imibanire yabo rero u..n’abo basirikare badutabaye, abo basirikare b’inshuti, koko uko tubizi na Nyakubahwa Kambanda, yarabivuze Ministre w’Intebe ko abasiviri bagomba kuguma ku mabariyeri (barrières) bagomba ndetse gukomeza intwari zabo kugira ngo bahashye umwanzi.

Abo tugenda twumva rero amajwi adushyira, aratubwira ko baba abo baje baduhuruye b’inshuti, babambura intwari, niba ari byo koko kwambura intwari, nibya niba ari byo gukurwa ku mabariyeri (barrière) nk’uko Gahigi yabisabaga ejo, Gouvernement nifate icyemezo kugira ngo ahari aho hatazagira ikiduteranya n’izo nshuti.

Nanone bya binyamakuru by'abambari b'Inkotanyi, ubu birasa n'aho bishaka guteranya urubwiruko rwacu, bita ngo na ba milice b'Abahutu, urubwiruko rwacu rero barashaka kuruteranya n'izo ngabo z'Abafaransa, n'Abasenegare dore ko ari zo zamaze kugera hano, ugasanga nka Radio y'Abafaransa yavugaga muri iki gitondo, ngo..ngo..abasirikare b'Abafaransa bagiye ku Kibuye ngo bagiranye utubazo ngo n'aba..n'urubwiruko rw'Abahutu, ariko byagera hirya gato bati nta tubazi bagiranye, mu byo bita bavugaga ko nta incident yahabaye. Niba nta incident yahabaye rero utwo tubazo, bahembera ni tubazo ki ? Utwo tubazo nk'uko Gahigi yabivugaga kugira ngo tutazabaho, Leta nigire vuba itubwire, ibwire urubwiruko ibwire Abanyarwanda bambariye kwirinda, kwirengera, ibabwire uko bakwifata muri ibi bintu byose.

Amaradio yose yo ku isi rero, aravugaga k'ubutumwa bw'ingabo z'Abafaransa zikomeje mu Rwanda, ndetse Radio y'Abanyamerika yumvikanye muri ijoro, The Voice of America, mu makuru yayo y'icyongereza yahise, nkahajya saa tatu n'igice z'ijoro, yatangaje ko ngo izo ngabo z'Abafaransa, zaba zageze i Kigali, mu Murwa Mukuru w'u Rwanda. Urumva tuzamutse ito tuba twese mu karitsiye, ndumva ntawigeze abona ingabo z'Abafaransa, na cyane cyane yuko nta y'indi Radio yemeje ko baba bageze i Kigali koko.

Byavuzwe..ko abapara b'Abafaransa ngo bari mu madoka cumi n'atatu, anyura ahantu hose bita tout-terrains no mu makamyo abiri binjiriye i Cyangugu bagana imbere mu gihugu, ahajya mu karere k'amajyepfo, ariko ntawavuze nyakuri aho abo bapara b'Ababirigi bambe ba..b'Abafaransa baba baragannye mu by'ukuri.

Wa munyamakuru Jean Hélène na none dukunze kuvuga kuri Radio yacu, yumvikaniye mu Nduga ya Kirambo, kwa Burugumesitiri Mayira, ababwira ahabarizwa.. Abahutu ibihumbi bibiri na magana atatu, bahunze (arakoroye) Inyenzi.

Amajwi twumvise muri Radio Mpuzamahanga y'Abafaransa, yari ayo abanyakirambo bakirije animasiyo ishyushya ingabo z'

Abafaransa zari zigeze aho ngaho mu Kirambo ziyobowe, n'Umwofisiye (Officier) ufite ipeti rya Capiteni de Frégate, umenya ayo mapeti y'Abakapiteni de Frégate ubundi agirwa..na ba Officier barwanira mu mazi. Na none tukiri aho i Cyangugu, umunyamakuru wa BBC, yatangaje y'uko aho ngaho i Shangi, i Shangi murahibuka ni ho ingabo z'Ababirigi zigeze kurwanira n'iz'u Rwanda, iz'Ababirigi zishaka kwinjira muri iki gihugu ku ngufu, ziharwanira n'iz'u Rwanda zari ziyobowe n'Umutware witwa Bisangwa, Bisangwa yarasanye n'Ababirigi baramubwira bati hunga, Bisangwa arababwira ati ndahunga njya he ? Ko ndi mu Rwanda, ati nakabaye ndi mu mahanga ngahunga ngaruka mu Rwanda. Aho rero i Shangi uwo munyamakuru wo muri BBC yavuze yuko ngo..haba hariciwe Abatutsi ibihumbi bine ngo n'amaraso ndetse akaki akaba akigaragara, ku mazu y'Ababikira b'Abafaransisikene bari aho ngaho, abo Babikira bakaba ari Abafaransakazi. Aha rero ngira ngo Rédacteur en chef na mugenzi wanjye Kantano baraza kunyunganira bagaruke kuri icyo kintu cyo kugenda bajombora abapfuye. Harya iyo ubonye amaraso, umenya abapfuye ari bande ? Umenya..ari umubare wa kangaha ? Ibyo rero byose murumva ni itangazamakuru-mpuzamahanga rigenda rikorera Inkotanyi, riherekeje cya gikorwa cyiza cy'abatabazi b'Abafaransa ariko rigamije kunyuzamo rikaduharabika, aha n'aho kwitondera, ngira ngo abatubwira cyane cyane ni Gouvernement yavu.

Gusa nanone uwo munyamakuru ya..vuze yuko babonanye n'umunyamakuru wa BBC, Radio y'Abongereza, babonanye na Ministre wacu w'Ububanyi n'Amahanga, Jérôme Bicomumpaka, ubu uri ku Gisenyi hanyuma agasobanura mu by'ukuri yuko iyicana ryabaye mu Rwanda, habaye kwicana, Abahutu barwanye n'Abatutsi, Abatutsi ari bo bashoje imvururu kugira ngo agatsiko kabo k'Inyenzi, abantu barapfa barashira ku mpande zose, iyo abantu bapfuye ku mpande zose ni ibyo Bicomumpaka yasobanuraga, ntabwo umuntu yabyita itsemba ry'ubwoko. Kuko abazungu bakomeje gushimangira ndavuga abambari b'Inyenzi, ko ngo ubwoko bw'Abatutsi, Abahutu baba barabwibasiye bashaka kubutsemba.

Nanone Ministre w'Ingabo Agusitini Bizimana uri ku Gisenyi yasobanuye ko iyi ntambara turwana, mu by'ukuri turwana na Yuganda kandi Yuganda ikaba ifatanyije n'Ababirigi, ibyo yabisobanuriye uwo munyamakuru wa BBC nk'uko byumvikanye kuri icyo Radio mu makuru yayo ya mu gitondo.

Burugumesitiri Mayira ubwo rero nari ngarutse mu Kirambo, yasomye disikuru yo kumuha yo guha uriya Mukapiteni waruri na ziriya ngabo z'Abafaransa ya kumuha ikaze, undi na we amusubiza amushimira urugwiro abaturage bamwakiranye we n'ingabo ayoboye; ibi rero biruse za nkuru batubwiye ko ngo izo ngabo z'Abafaransa zirinda kubonana n'abategetsi kugira ngo Inyenzi zitarakara, zikavuga ko babogamiye. None se uje ukanga kubonana n'abategetsi, wazagirana ibibazo n'abaturage urumva byazakiranurwa na nde ?

Umunyamakuru w'Umufaransa nanone uwitwa. Christophe Abolien we yavuze ko ngo igituma abakuru b'ingabo b'Abafaransa banga kubonana n'abategetsi, abita les gouvernementaux ngo ari uko bategetsi, bibwira ko izo ngabo z'amahanga zazanywe no gukoma imbere Inkotanyi, ngo zishaka gufata iki gihugu cyacu; kandi agasa n'uvuga ko izo ngabo za..z'Inkotanyi izo Nyenzi, zaba zibishikiye ubushobozi.

Aha ni ho rero baza kutubwira nanone nyuma turaza kubigeraho, ko amaradio y'amahanga yatangaje ko imirwano ikomeye cyane ngo yaba yarabereye i Kigali umunsi w'ejo aho Inyenzi zashakaga gufata umusozi wa Mont Kigali e.. bita ngo ni dernière forteresse y'ingabo z'igihugu, ni nkaho bakavuze yuko ari ho honyine Inkotanyi zishoboye zishigaje gufata bityo zikaba zafashe umugi wa Kigali. Ndagira ngo Kantano aze kutubwira koko niba hari imirwano igamije gufata Mont Kigali yaba yarabaye ejo.

Uyu munyamakuru aratwibeshyaho koko ariyibagiza ko ari umwe mu batangaje inshuro nyinshi ko Kigali yugarijwe ndetse ko Kigali yafashwe. Muribuka ko Inkotanyi zitera Inyenzi zongera gutera zari zaduhaye amasaha mirongo ine n'umunani, ndetse abo banyamakuru babe abo muri Radio France-Inter. babe n'abandi bakadushyushya bavuga ko akacu karangiye. Nyamara icyo gihe ni bwo amahanga yadufungiraga amasasu, nyamara kugeza ubu turi ku munsi wa mirongo inani na kabiri, turi ku isaha y'igihumbi magana acyenda mirongo itandatu n'umunani, izo Nyenzi ntaho zirafata.

Nanone baratubwira ko izo ngabo z'Abafaransa zahagarariye Abatutsi mu nkambi y'i Nyarushishi,

bagera ku bihumbi umunani maze ngo bakumva Misa. Ikinyamakuru cy'Abafaransa na cyo cyasohotse muri iki gitondo bita " le Figaro" kirandika gishimira mission y'ingabo z' Abafaransa, naho kuri iriya Misa yabereye i Nyarushishi, kikagera kiti une messe en enfer, kiti misa yabereye mu muriro utazima.

Sinzi rero niba koko aho i Nyarushishi barasenze niba barasabye nta n'uwamenya icyo basabye, uretse ko bavugishije umwe muri bo ngo witwa Gerigori, akavuga ati Abafaransa yego baraje, ati ariko nibagenda tuzagira dute ?

Aha rero mu by'ukuri nagira ngo aho kugira ngo bakongeze intambara y'u Rwanda bari bakwiye gushaka ahubwo icyayirangiza aha ndavuga bariya banyamakuru ba gashozamvururu. Ku kibazo cy'ingabo z'Abafaransa zanyarukiye ku Kibuye, nigeze kukivuga, ntabwo twasobanukiwe e..n'amakimbirane nyakuri zaba zaragiranye n'abaturage ngo batariye ku Kivu, nk'uko byatangajwe na Jenerale Rayimonde Gerimanosi, Umugaba wungirije w'ingabo z' Abafaransa zirwara ku butaka mu mazi no mu kirere. Aha rero ntihafututse, niba se baragiye kwambura abantu intwara, ahari aho bakazibima na byo birashoboka, niho dukunze kuvuga y'uko abategetsi bagombye gusobanurira abaturage uko bakwifata kugira ngo hatagira agatotsi katuranga hagati ya ziriya ngabo z' Abafaransa kuko ni cyo Inkotanyi zirekereje.

Radio Nederland y'Abaholande yo yatumenyesheje ko igihugu cya Moritaniya cyohereje ikipe y'Abaganga mu rwego rwa ziriya ngabo z'amahanga, iyo kipe rero ikazaza na yo kudufasha ubwo ni igihugu cy'Afurika na cyo kiyongereye mu bishyigikiye Abafaransa. Tukiri aho, iri joro ryakeye nk'uko nabivugaga, Inyenzi, nako ntabwo nari nabivuze, Inyenzi mu ijoro ryakeye ejo mumbabarire mu ijoro ryakeye ejo, Inyenzi zashatse gutera ahajya hariya za Kimisagara, ziturutse kuri yanze, ingabo z'igihugu zizikubita incuro igitero gipfuba gityo.

Nanone ubwo ndakomeje ku makuru y'u Rwanda, ndumva ko natinze kuri biriya by' Abafaransa, inkurubi inkuru ikomeye twumvise kuri Radio Rwanda, mu makuru yayo ya saa moya z'ijoro, ni ishyirwaho rya Perezida w'Urukiko Rusesa Imanza, Cour de Cassation. Uwashyizweho rero ni

faranga ryifashe nyuma y'aho barishubirije agaciro karyo ibyo bita dévaluation ku..gipimo cya mirongo itanu ku ijana, bariga kandi ni yo mpamvu mvuze iyo nkuru, bariga ku kibazo ch'u Rwanda.

Naho Directeur wa cabinet aho naringarutse muri Afrique du Sud nari naharenze, naho Directeur wa cabinet wa Madamu Winime Mandela wahoze ari Mukaperezida Mandela aramurega ngo kuba yonona amafaranga cyane, mbese aramurega gusesagura, ubwo ahari umenya yaratangiye kugura za parfum n'ibindi. Aha icyo nakwibutsa ngarutse aho, ni uko Perezida Mandela yatwemereye inkunga ikomeye yo gufasha abaturage bacu muri iki gihe cy'akaga kandi akaba ari we ushinzwe kuba umuhuza mu ntambara y'Angola.

Muri Nijeriya Moshood Abiola aracyafunze, abamushyigikiye baranga bagakaza umurego mu kurwanya Leta ya Jenerali Abacha, iyo Leta ya Jenerali Abacha ejo bundi ikaba yarakoresheje amatara mu ntara zose z'icyo gihugu bagatora Abadelege (délégués), ngo bazaza gushyiraho imbanziriza-mushinga y'itegeko-shinga, kandi iyo mbanziriza mushinga ibyemezo izafata bikazashyikirizwa akanama ka gisirikare ari na ko kazashyiraho itegeko-nshinga rishya ry'icyo gihugu. Ubwo rero ibyo ari byo byose abarwanya ubutegetsi bw'uwo Mujenerali, ubutegetsi bwa gisirikare bakomeje kurwanya ibyo ngibyo.

Muri Senegale, ikinyamakuru cy'aho bita le Soleil, kirandika gisobanura ko ingabo za Senegale zaje mu Rwanda zizafasha abandi guhagarika ubwicanyi no gupfuka ibikomere bikomeye by'Abanyarwanda, ibikomere bavuga y'uko n'ubu bikigaragara na n'ubu bikiva amaraso. Cyakora nanone siko bavuga rumwe muri Senegale, kuko bikomye izo ngabo z'Abafaransa bavuga ndetse ko ari zo zatwaye iz'Abasenegale ku mbaraga ibyo bita requisition, bakanavuga yuko ukuza ku izo ngabo gushobora, ushobora kukubonamo inyungu ku giti cye bwite, ari Abdu Diouf Perezida wa Senegale, mu gihe ngo amanota ye mu gihugu agenda aba makeya.

Bakavuga nanone muri Senegale ku byerekeranye n'ingabo z'Abafaransa ziri inaha, bati reka Ubufaransa buhurure u Rwanda, nibwo bushobora kuba bwarateje ibibazo bibiruta ubwinshi muri

icyo gihugu. Kuri twebwe ntabwo ari ko ku tubibona, ahubwo ibibazo twabitejwe n'Ababiligi, tubitezwa na Dallaire.

Muri Nijeri, igihugu cya Nijerii cyatangaje ko Ubufaransa niburamuka bubisabye, kizohereza ingabo zacyo mu Rwanda. Muri Somaliya imirwano ikomeye yongeye kubura i Mogadishiyu, Umurwa Mukuru w'icyo gihugu. Abantu benshi bakaba barongeye guhunga, ubwo rero ni ko kuvuga yuko ibyari...inama byongeye kuba isoko.

Ahandi batubwira imirwano ikomeye ni muri Yemeni zombi, aho ingabo za Yemeni ya Ruguru, Yemeni du Nord, ubu zasatiriye Umurwa Mukuru wa Yemeni y'Epfo aho bita Edeni, mu mirwano yabaye ejo, ndetse bakoresheje indege, hakaba harakomeretse abantu amagana n'amagana, ndetse hagapfamo n'abandi, icumi n'umunani, kimwe no muri Somaliya kimwe no muri Bosiniya Herzegovine kimwe no mu Rwanda kimwe no muri Angola, l'ONU ntiyabashije guhagarika abarwana ngo ikiranure impande zombi.

Inama yaberaga mu Bugereki rero ihuje b'abakuru b'ibihugu cumi na bibiri bigize Umuryango w'Ubukungu bwa...bw'Uburayi, yarangiye ejo, irangira idashoboye gutora uri Komiseri uzaba Komiseri w'ibyo bihugu by'i Buraya ngo asimbure Umufaransa Jacques Delors. Umubirigi rero wari watanze candidature ye witwa Jean Luc Dehaene.. Abongereza baramwanze, bamwereka agahandure.

Nanone muri icyo nama bavuze ku kibazo cy'u Rwanda berekana ko bashyigikiye ingabo z'Abafaransa, gusa n'icyo gitangaje, bavuga yuko e...abarwana bombi mu Rwanda ni ukuvuga Inkotanyi n'uruhande rw'u Rwanda, ngo bagomba guhagarika imirwano, bakongera bakicara ku ntebe bakaganira kugira ngo barebe, uko bashyira mu bikorwa, amasezerano y'amahoro y'Arusha. Twarabivuze turabisubira amasezerano y'amahoro y'Arusha ntacyo azatugezaho kimwe n'uko ntacyo yatugejejeho.

Mu Bushinwa ho rero haravugwa umwuzure e...wateye mu Ntara ya Kanto (Canton) maze ukaba umaze guhitana abantu bagera kuri magana icyenda. Ikindi kivugwa ubwo ejo hari umunsi wo kurwanya ibiyobyabwenge, mu Bushinwa ho bishe abantu bagera kuri mirongo itandatu, bashinjwaga

kuba baracurujye cyangwa bakanywa ibiyobyabwenge. Ahandi imirwano ikomeye ivugwa ni muri Afuganisitani aho bavugaga ko ingabo zibogamiye kuri Perezida wa Repubulika ziyobowe na Komanda Masudi, uwo Perezida wa Repubulika bamwita Rabani, ubu ngubu ngo zirimo guhashya iza.. izibogamiye kuri muni..kuri Ministre w'Intebe uwitwaga Maktiar. Izo ngabo rero ziyobowe na Komanda Masudi, ziha..zi..rwanira Perezida wa Repubulika Rabani, zikaba ngo zafashe umusozo wa Maramjyo zigafata na..Forteresse ya Balayisa, iyo nkuru rero twayikuye muri Radio y'Abafaransa, ubwo ari muri Radio y'Abafaransa ahari aho byabababwira nka Mont Kigali, reka mbe nyihoreye.

Nanone muri Amerika haravugwaga haravugwaga inama conf rence yaba yarateranyeye kugira ngo yikubite agashyamba, Abanyamerika baravugaga bati twirengagije Afurika, ejo rero bakoze inama yo bita conf rence sur l'Afrique, kugira ngo barebe bafate ingamba z'uko bakwita kuri Afurika kurushaho, muri icyo nama rero Abadepite b'abirabura barikubise barasohoka, baregaga Bill Clinton, baregaga ndetse n'ubutegetsi bw'Amerika muri rusange bwamubanjirije ko batigeze bita ku bibazo by'Afurika kugeza aho bidogera. Aho ngaho muri Amerika i Losanjelese haravugwaga nanone amashyamba yahiye, amahegitare n'amahegitare agakongoka, i Losanjelese aho ngaho twibutse ko ari ho imikino myinshi ya gikombe cy'isi irimo kubera. Muri icyo gikombe cy'isi rero icyo twababwirako ni uko mu mukino nyine wabereye aho ngaho i Losanjelese imbere y'abafana bageze ku bihumbi mirongo urwenda, Rumaniya yaraye itsinze Etats-Unis igitego kimwe k'ubusa, naho i San Francisco Ubusuwisi bugatsinda Kolombiya ibitego bibiri k'ubusa, Kolombiya igahita ivamo icyo, naho Shikago, Burugariya igatsinda Ubugereki bine k'ubusa umupira ngo wabaye mubi cyane, ku buryo batanze amakarito yo bita jaune umunani buriya agomba kuba yahawe Ubugereki kuko ari bwo bwanyagiye. Bityo rero ibihugu twavugaga bimwe bimaze kwemererwa kujya muri kimwe cy'umunani cy'uwo mukino, harimo Ububiligi n'abadiyabule ruje (diable rouge) b'aho, harimo Argentine, harimo Br sile, Rumaniya n'Ubusuwisi, cyakora bakavugaga ko na Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zifite amashanse (chance) zifite amashanse zo kuba zarenge urwo rwego, zikajya muri kimwe cy'umunani. Ndagije rero aya makuru, nsubiza bagenzi banjye ijamba, mwari kumwe na Nkurunziza Ananiya.

Fin de la face A

Face B**Orateur : Kantano**

Umunsi mwiza wo ku wa mbere, itariki makumyabiri na zirindwi z'ukwezi kwa gatandatu muri mirongo icyenda na kane, abari mu ngorane zinyuranye, abari mu ngorane zinyuranye mwese mwihangane abakomeretse bakaba badafite a. ababavura bakaba badafite imiti, abarwaye bakaba barabuze imiti,

hum indwara nka za diyabeti, hari abantu barwayi diyabeti babuze imiti hari abantu barwaye nk' imitima hari abantu barwaye indwara zinyuranye, ubundi zabonerwaga imiti zikoroha, aha, ubu ngubu bakaba barahabye abo bose mukomeze mwihangane, abari muri za blindé, ababuze icyo barya, hano mu mugi gusa inkuru ishimishije, inkuru ishimishije ku bantu bashonje, ku bantu bari bashonje ni uko ubu rwose ikintu kigaragara cyane muri uyu mugu wa Kigali, kigaragara gishimishije ni uko abantu benshi bagarutse muri Kigali, Kigali ukaba wagira ngo mbese ukaba wagira ngo mbese ni nka mbere y'intambara.

kubera ko mwumvise yuko Inyenzi zagiye hariya i Runda na Gihara, noneho zirukankana impunzi zose zari zihari, impunzi rero zisa.. nanone zita..zitakutse umutima kandi zakomeje kumva icyo tuzibwira, izo mpunzi rero zahise zigaruka i Kigali, mu kanya mpuriye hariya hirya ku Cyimisagara n'umukecuru ugenda acumbagira, yenda acumbagira ati wapi, ati naraje ati naraje rwose ati ubu ni urugendo rwanyishe, hanyuma rero ku byerekeye ibyo kurya, inkuru nziza nababwira ni uko icupa rya byeri, icupa rya byeri, ryamanutse ubu ryageze kuri magana atanu, ryamanutse ryageze kuri magana atanu ubundi ryari igihumbi aho abantu bavuga bati Inyenzi zafunze ku Rushashi, zafunze e.. umuhanda wa Kigali-Gitarama, ariko rero iyo mihanda yose, e.. ubu ngubu mu by'ukuri umuntu aragenda akabaza abasirikare ati ese Inyenzi zigeze he noneho bakamubwira bati Inyenzi zigeze aha noneho bakamuherekeza akambukana ibintu bye, akitahira.

Abari mu mayira rero ntimugire ubwoba, ntimwishinge ibintu by'ibihaha, ngo ese ibyo birayi urabijyana he ngo ese izo byeri urazigezayo, reka data mbese murumva yuko Inkotanyi koko udukotanyi turi i Runda ni duke ugereranyije n'abasirikare n'ingabo z'u Rwanda zihari

ziratwirukankana, noneho twagera hirya tugapfa kurasa, ariko murabona y'uko agasasu ka. karachinichov ntabwo gashobora kubuza imodoka guhita, ndetse..ni nka bwa..ni nka kwa gukanura kw'igikeri kutabuza ishyamba gushya, umuntu rero ushiritse ubwoba nyine arihitira akigendera udusasu wenda tukamugwaho duke, akikomereza, ariko ubona tukigwa umuhanda rero Kigali-Gitarama, ndabamenyesha yuko ari nyabagendwa muze nta bwoba, nizere ko Minitrapé yagerageje gusana iyo mihanda ya za Nyabikenke, na za Bulinga kugira ngo imodoka nini na zo zishobore kunyuraho, hanyuma ku byerekeye nyine hariya mu Nzoze naho, mu Nzoze naho mu by'ukuri..ntabwo ndabaza neza ariko ndasobanukirwa mbabwire yuko naho inzira ari nyabagendwa. Ariko ndakomeza guhura n'abantu bavuye ku Gisenyi, bavuye hehe, bambwira bati ubu turi hano kandi twaje, ntimugire rero ubwoba bwo kuza mu mugwi wa Kigali nta kibazo gihari, abantu mutunzwe no kumva amaradio y'amahanga mutumva amaradio yegereye Kigali ari muri Kigali ababwiza ukuri kw'ibintu mugasu..mugatangira kumva..za Muhabura na zo zahabye ziba ziri ahantu kure, iriya radio y'inkunguzi y'inkunguzi kanwa kabi yabanje gukungurira Abatutsi ngo ngaho irabahabura, irongera ikungurira Inkotanyi iziha ubutwari n'ubugabo zidafite, itazimvisha ko zirwanira ubusa, abantu rero bayitega amatwi, ivuga ngo Inkotanyi zageze i Rubona ngo zageze za Songa zahe, Inkotanyi se zageze i Rubona Inkotanyi ko atari Abagoronome, ngo barajya kwereka abaturage bo hafi y'i Rubona uko bahinga, Inkotanyi se zagera i Rubona bigashimisha abaturage b'i Rubona hehe?

Inkotanyi se zagera i Songa ko atari ba Veterineri ngo ni aborozi ngo berekane uko borora inka kijyambere cyangwa se uko bazitera intanga ngo zere nako zibyare inka nyinshi, Inkotanyi se zigeze aho ngaho za Songa na he bibwiye iki abaturage cyangwa se bibamariye iki ? Ko ahantu uhishimira ko wageze ari uko uhafite akamaro, akamaro se k'Inkotanyi i Rubona ni akahe ? Akamaro se k'Inkotanyi i Nyanza ni akahe zifitiye Nyanza ? akamaro se k'Inkotanyi i Gitarama bavuye mu byabo baricurizaga harahindutse Dubai, ibintu byabo byose bikagenda, ubwo se umuntu ugohombya wamwishimira gute ? Urumva rero Inkotanyi ngo ziri hehe ziri he ni ukujagata gusa nta n'ikintu bimaze, sinzi yuko hari n'umuntu wabyishimira uretse Inkotanyi zonyine, ubwo rero mukomeze muze i Kigali, nababwiraga y'uko icupa rya byeri ubu ryamanutse za.. ryageze kuri magana atanu, ubundi ejo bundi ryari igihumbi, ikiro cy'ibirayi cyamanutse cyageze kuri mirongo ine,ejo bundi cyari ijana

